SEBAGENZI Dominique
C/O CEFMIVA
B.P. 122 RUHENGERI.

Ruhengeri, le 28/02/1992.

DGT
495/92
7752/3

Vous saisir personnellement de ce dossier en vue de trouver une solution définitive et urgent.
5/3/92

Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Amashirahamwe
KIGALI.

Bwana Ministri,

Mbandikiye iyi baruwa ngirango mbagezeho akarengane nagize none nkaba ngiye kuzira amatiku ya NSANZABAGANWA François, kandi mbasaba gushiraho abantu bagenzura neza ibyo uwo mugabo amvugaho byose kugirango ukuli kugaragare, ejo umuntu atazazira ko ibibazo bwite by'umuntu bikitilirwa akazi.

Dore muli make ibyo uwo mugabo dupfa ni ibi:
1) Inzika, 2) Kutubahiliza ibyo ashaka byose,
3) Kudashigikira imigilire y'ibikoresho bye.

1) Intambara itera mu Ruhengeri, abagabo babili (MURANGIRWA na NDARUHUTSE) yali yarahaye akazi muli CEFMIVA, bahungiye i Kigali bafite umugambi wo gukora muli Ministeri, bitwaza ko bameneshejwe na bagenzi babo. Ibirego byose byatanzwe byashikilijwe NSENZABAGANWA (pour enquête de verification) ntiyigera ashaka kumenya ukuli aho kuli. Icyakora Prefegitura na Komini bakoze uko bashoboye ukuli kuragaragara ikibazo kibona umuti. Ibyo abuze aho yabihera, afatanya nabo guhimba (tracte) inyandiko bayitilira umuntu aba abonye aho ahera, ategura ibaruwa, abesha ubutegetsi ko ibivugwa alibyo ibaruwa barayisinya kandi ataligeze agera muli CEFMIVA ngo agenzure ko ibivugwa alibyo. Prefegitura niyo yakemuye ikibazo kuko yapererereje igasanga ali ibinyoma byose.

2) Abonye ntacyo bitanze, nibwo yahimbye andi mayeli. Ati dukore évaluation ya CEFMIVA akaba yali agamije kwibonera amafranga. Dore ko ikigo cyamuhaye 100.000Frs, kugeza n'ubu ntarerekana imikoreshereze yayo. Namubaza (pièces justificatives) akansubiza ko bitandeba. Ikindi yali agamije kwali ukumbonera ibindi birego. Yarangije icyumweru cyose yihererana abakozi umwe umwe abumvisha ko ashaka kubaha undi mu Diregiteri; ubizi neza ni Assistant wa Burugumestri KARAYANKIMA Benjamin wa Ruhondo yasabye kumushakira umukandida k'umunsi wa kabili iyo évaluation intangiye. Ibyo yashakaga kwihimura kubyo yashakaga kunkoresha binyuranije n'amabwiliza nali narahawe.

3) Kuva iyo mission ye yarangira, umwuka mubi n'ubwigomeke k'ubutegetsi bw'ikigo byahawe intebe n'igikoresho cye SINABAJIJE Innocent, uretse no kwosha abakozi kwigaragambya yageze igihe agulisha amategura nyuma y'amasaha y'akazi, amafranga agulishije (35.000Frs) arayikubira. Amenye ko nabimenyesheje Ministri yitabaza NSANZABAGANWA bahimba andi mayeli ngo hali grève mu kigo, atumiza inama ikitaraganya kugirango abone uko amunkiza. Ageze mu nama amuhanagura ho icyaha ngo Ministri yamutumye ngo SINABAJIJE azishure ayo yanyereje kandi akomeze imilimo ye, naho inzirakarengane (Diregiteri, Maringumu, Uwimana) bahite bataha.

Iby'amatiku ya NSANZABAGANWA ni byinshi kandi ibimenyetso birahali nicyo gitumye ndangiza mbasaba, kuko nzi ko mukunda ukuli, ko mwashiraho abantu binyanga mugayo bakagenzura neza iyo migilire y'uwo mugabo, maze bakagaragaza ukuli

Mbaye mbashimiye uko muzita kuli icyo kibazo k'uburyo bwihutirwa.

Murakoze.

Bimenyeshejwe:

-Bwana Prefe wa Prefegitura
RUHENGERI.-

-Bwana Burugumestri wa Komini Ruhondo
RUHENGERI.-

SEBAGENZI Dominique.-